Christine Nyakamwe

Tel: 0788517454

Email: christinehoza@yahoo.com

Site: www.umuhoza. org

## UKWIZERA GUSHINGIYE KU RUKUNDO, NI WO MUSINGI WO KUBABARIRA
## Igicye cya 2

Ubushize twaganiriye ku kiganiro cyo gufasha abanyarwanda muri bino bihe by'icyunamo. Icyo kiganiro, insanganyamatsiko yaco ni iyi : '' Ukwizera gushingiye ku rukundo dukunda Imana ni wo musingi wo kubabarira'' Bibiliya muri Abagalatiya 5 : 6, Ijambo ry'Imana rishimangira neza igitekerezo gikubiye muri ino nsanganyamatsiko riti : ''Igifite icyo kimaze, ni ukwizera gukorera mu Rukundo''. Ibi twabiganiriyeho cyane ubushize, tuvuga ko ushikamisha umutima we ku Mana ko ari we uyizera ko ari we wayishizemo ibyiringiro bye byose. Tuvuga n'ukwo ntawushikamisha umutima we ku wo adakunda. Uwo umuntu ahoza ku mutima, n' uwo akunda kurusha byose na bose. Ni ukuvuga ko ntawizera uwo adakunda kurusha byose. Imana rero tuyizera kuko tuyikunda kurusha byose na bose. Urwo rukundo dukunda Imana , ni rwo ruduha ubwo bubasha, ubwo bushobozi bwo guhora dushikamishije imitima yacu ku Mana ari ko kwizera.

Ibi rero biratwereka ko utizera Imana, no kuyikunda, ntaba ayikunda. Aba yanga Imana. Urukundo dukunda Imana ni wo musingi dukwiye kwubakiraho ukwizera kwacu mu Mana. Kandi urukundo mvuga hano, ni urukundo nk'urwo Yesu yadukunze rutagira ishingiro. Urukundo rutagira impamvu. Ntabwo urukundo dukunda Imana rugomba gushingira ku butunzi Imana yaduhaye , kuko umunsi bwabuze tuzanga Imana. Ntirugomba gushingira ku mugabo cyangwa abana Imana yaduhaye, kuko badutanze gupfa, twava ku Mana. Ntirugomba gushingira ku kintu icyaricyo cyose twishimira. Urukundo dukunda Imana, rugomba kuba

urw'ukuri. Tugomba gukunda Imana kuko ari Imana gusa, umuremyi wacu n'umubyeyi wacu. Hari uwo mwabonye yanga umubyeyi we kuko ari mugufi cyangwa muremure ? Kuko ari igikara cyangwa inzobe? Kuko ari umukene cyangwa umukire ? Kuko afite amazuru maremare cyangwa magufi ? amaso manini cyangwa mato ? Nk'uko dukunda ababyeyi batubyaye, tudashingiye k'uko bateye n'uko bitwara, tudashingiye ku byo badukorera n'icyo batumariye, niko tugomba gukunda Imana yacu kuko ari umubyeyi, tutitaye ku kindi kintu na kimwe. Imana rero tugomba kuyikunda kuko ari Imana gusa, twarara turiye cyangwa turaye ubusa, twabonye minerval y'abana cyangwa tutayibonye, turwaye cyangwa dukomeye, twapfushije cyangwa twese turi bazima. Nyimba dukunda Imana, ntacyadutandukanya na yo. No mu rupfu, uko rwaba rumeze kwose, tugomba guhora dukunda Imana.

Pawulo intumwa ya Kristo abwirijwe n'Umwuka Wera, yandikiye **Abaroma 8 : 35-36** ati : Ni nde wadutandukanya n'urukundo rwa Kristo ? Mbese ni amakuba, cyangwa ni ibyago, cyangwa ni ukurenganywa, cyangwa ni inzara, cyangwa ni ukwambara ubusa, cyangwa ni ukuba mu kaga, cyangwa ni inkota ? . Muri ibyo byose, n'ibindi tutavuze hano, nta cyadutandukanya n'urukundo rwa Kristo watwitangiye ku musalaba, akadukunda n'aho turi abanyabyaha, ntadute, ahubwo akatwiyegereza, akaducungurira kuba abami n'abatambyi imbere y'Imana.

Na genocide yakorewe abatutsi muri 1994, ntikwiye kudutandukanya n'Imana. Nk'uko Imana yabivuze, mu rupfu, ntitubonemo iherezo ribi riteye ubwoba, kuko inyuma y'imibabaro myinshi abacu babonye, abapfiriye mu Mana, n'ubu bariho, bari mu buruhukiro bugeza ku bugingo buhoraho. Icyo twari dukwiye gukora, ntabwo ari ukwiheba no kwitotombera Imana, dukwiye kwikomereza kuri yo, tukayikunda kurusha byose na bose kugirango natwe tuzapfire muri Yesu, tuzahabwe ubugingo buhoraho. Kwikura ku Mana ni ukwihemukira twebwe ubwacu ? None tuva ku Mana ngo tuje hehe ? Kwa Satani se ?

Nyamara twibuke Ijambo Yesu yavuze ko ari we Se w'Impfubyi n'Umugabo w'abapfakazi. Impfubyi n'abapfakazi, ababaye incike, mwegere Yesu arabarengera, arabaruhura, mufite umurengezi uruta ababasha kubarengera

bose, Umwami w'Abami, umutware w'Abatware. Twibuke ko yadukunze urukundo rutavugwa rwatumye adupfira ku Musalaba, akababazwa kurusha n'uko abacu babababajwe. Ibyo tuje tubyibuka, bidufashe kwumva ko ibyatubayeho ataruko Imana yatwanze, ahubwo ku banyabwenge, ibigeragezo bigomba kutwegereza Imana, ntibigomba kudukura ku Mana. Kuko nituva ku Mana, agahinda kazaduhitana katurimbure. Nta muntu n'umwe wabasha guhoza imitima y'abanyarwanda atari Imana yo mw'Ijuru yonyene nituyimurekurira.

Ijambo ry'Imana riri muri Yakobo 1 : 12, riraduhumuriza mu kutubwira riti ***: '' Hahirwa umuntu wihanganira ibimugerageza, kuko namara kwemerwa azahabwa ikamba ry'ubugingo , iryo Imana yasezeranije abayikunda.''*** Nuko rero abari kubasha gukomeza ukwizera kwabo bihanganye, barahirwa kuko Imana yabateguriye ikamba ry'ubutsinzi rihebuje. Ubutwari bw'umuntu, bugaragarira mu kunesha ibigeragezo bikomeye. Abazanesha ibigeragezo batewe na genocide yakorewe abatutsi muri 1994, Imana izabandika mu gitabo cye cy'Intwari zanesheje urugamba rukomeye cyane.

Twibuke ano magambo y'Imana ari mu 1 Abakorinto 10 : 12 -13, aho Imana itubwira iti : ''Nuko rero, uwibwira ko ahagaze yirinde atagwa. Nta kigeragezo kibasha kubageraho atari rusange mu bantu. Kandi Imana ni iyo kwizerwa kuko itazabakundira kugeragezwa ibiruta ibyo mushobora, ahubwo hamwe n'ikibagerageza izabacira akanzu, kugira ngo mubone uko mubasha kucyihanganira ''. Ibigeregezo ni rusange mu bantu, kandi gupfusha by'ako kageni, byatubayeho turi benshi, ndetse muri ino si, ntabwo ari abanyarwanda byabayeho bonyene. Ababashije kubirengera, bagakomeza ukwizera kwabo mu Mana, ni bo bazaducira urubanza kandi barahari. Ntacyo tuzireguza nitwaneshwa, icyo tugomba gusaba Imana, ni ubwenge n'imbaraga byayo kugirango bidufashe natwe kunesha.

Ikibazo abantu benshi bafite kiri gutuma baneshwa, bakomeza kwipfuza gusubira kubanira n'abo babuze muri ino si. Bagahoza mu kanywa, ngo uyaba naka yari akiriho simba merewe gutya. Uyaba ni ijambo ribi ridusubiza inyuma kuko kahise katabasha guhinduka, ahubwo twari dukwiye kureba imbere tukavuga duti : Ibi ko byabaye, jye nakora iki ngo nkomeze urugendo ruzangeza iwacu mw'Ijuru aho

nzabanira n'abanjye bapfiriye mu Mwami ? Isi si iyacu, ni cyo gituma ubuzima tubamo muri ino si tudakwiye kubuha agaciro karenze ngo budukure ku Mana. Isi tugomba kuyibamo nk'abayivamo kuko si ryo herezo. Tugomba guhora twipfuza Yesu kuko ni we wenyene uzaduhuza n'abo twabuze bapfiriye muri we. Nitwakomeza kwipfuza abo twabuze, bizatuviramo kubararikira, basimbure Yesu mu mitima yacu, niturangiza dutakaze ukwizera mu Mana turimbuke.

Twirinde tutamera nk'Abanyistraeli. Bakwiye kutubera akabarore n'aho imiterere y'ibigeragezo byabo ataho ihuriye n'iyacu, ariko icyabarimbuye cyabasha natwe kuturimbura tutarebye neza, ni ukwimura Imana mu mitima yabo. Kwimura Imana mu mitima yacu tukimikamo undi muntu cyangwa ikindi kintu icyaricyo cyose, ni cyo cyaha gikomeye kuruta ibindi byaha byose kuko ni ugutakaza ukwizera mu Mana. Imana, ntireba uburemere n'uburemere bw'ikintu kidutandukanije na yo, kuko kuyimura, ari ikigaragariza Imana ko hari icyo , cyangwa hari uwo uyirutishije. Ibyo ni ibintu Imana itabasha kwihanganira. Twisubireho kuko Imana uko idukunda kurusha ibyaremwe bye byose, ni ko ishaka ko natwe tuyikunda.

Abanyistraeli, Imana ikimara kubakura muri Egiputa, ikabanyuza mu Butayu, yabubatungiyemo imyaka 40 yose, ibagaburira ibiryo bivuye mw'Ijuru ari yo Manu, ikabaha kunywera amazi ku gitare cy'Umwuka cyabakurikiraga ari we Kristo. Ariko ibyo byose, abenshi ntibyigeze bibanyura. Bakomeje kwipfuza ibya kera barya muri Egiputa. Ku bwo kubibura batangira kwitotombera Imana no kwivovota, bishora mu busambanyi bwo mu mitima yabo, batandukana n'Imana, barayanga urunuka, bayirutisha ibiryo, n'andi maronko yanezereza imitima yabo. Barangije bayisimbuza ibigirwamana babumbye n'amaboko yabo. Biragaragara ko urukundo bakunda Imana rutari urw'ukuri.

Rwari urwagahemo, rwari urukundo rushingiye ku nyungu. Abanyistraeli bahindukiriye Imana kugirango ibakize uburetwa barimo muri Egiputa, nyamara imaze kubakiza hama bakabura ibijanye n'irari ryabo, ntibabaye bacibuka ibyiza Imana yarimaze kubakorera, barijunditse, bakiririwa batuka Mose n'Imana ye ngo baje kubicira mu Butayu, ngo no muri Egiputa hari imva, ngo kandi ibyababera byiza ni ugusubira ku buretwa bwo muri Egiputa. Ayo magambo muyisomere

muri 1 Abakorinto 10 : 1-13.  Aha kwari ugushaka kubereka ko nta rukundo nyakuri dufitiye Imana, nta n'ukwizera twabasha kugira. Nidukunda Imana by'ukuri, ni yo yonyene tuzashikamishaho imitima yacu , ni yo yonyene izahora mu bitekerezo byacu, n'amakuba, n'ibigeragezo by'uburyo bwinshi ntibizabasha gusimbura Imana mu mitima yacu, tuzayihoza muri twebwe, ni ko kuyizera.

Uno munsi, ndipfuza ko twaganira mu buryo burambuye kw'Ijambo ryitwa '' Kwizera Imana '' , nk'uko twaganiriye ubushize mu buryo burambuye kw'Ijambo ryitwa urukundo dukunda Imana, n'uburyo twarubona tukarukomeza, ndipfuza ko twese twamenya Kwizera icyaricyo, icyo ukwizera kumaze mu buzima bwacu, n'icyo twakora kugirango tubone Kwizera.

**KWIZERA NI IKI ?**

Ijambo ry'Imana riri mu Baheburayo 11 : 1-3, ritubwira ko kwizera ko ari ukumenya rwose ibyiringirwa udashidikanya  ko bitazareka kubaho. Kandi kwizera ni kwo kuduhamiriza ko ibyo tutareba ko ari iby'ukuri. Kwizera ni kwo kutumenyesha ko isi yaremwe n'Ijambo ry'Imana, ni cyo cyatumye ibiboneka bitaremwa mu bigaragara''.

Kwizera rero iyo dukurikije bino bisobanuro, duhawe n'Imana, ni ukuvuga mu magambo make kandi yumvikana ko kwizera ari ukwemera tudashidikanya ko Ijambo ry'Imana ari ukuri  kandi ko rifite imbaraga zo gukura ibiboneka mu bitagaragara, igihe cyose turibitse mu mitima yacu. Ijambo, ntabwo rigaragarira amaso yacu, ariko, ni ryo Imana yaremesheje ibyo tubona byose.  Ni cyo gituma kwizera ari  ukwemera ko Ijambo rifite imbaraga ku buzima bwacu kuko ribasha gukora muri twe no kuri twe ibyo rihamya. Ijambo rirarema. N'iryo tuvuga rirarema, nkaswe iryo Imana ivuga.

**Kwizera,** ni ugushikamisha imitima yacu ku Mana nk'uko Ijambo riri muri Yesaya 26 : 3  twavuzeho n'ubushize ribitubwira riti : '' Ugushikamishijeho umutima azaba amahoro masa kuko akwiringiye '' Mu yandi magambo, ushikamishije umutima ku Mana, ni we ufite ibyiringiro, ni we ufite ukwizera. Twavuga rero tudashidikanya ko kwizera ko ari ugushikamisha umutima ku Mana, cyane cyane

ko irindi jambo ry'Imana ridusaba kwirinda kugirango tutagira umutima utizera wimura Imana. ( Abaheburayo 3 : 12 )

***Kwizera,*** ni ugufata ibitariho nk'ibiriho, ni ukwakira ibitarabaho ukakira ibyo utabona, ukabyakiriza umutima wawe bikakubera ibiriho.

***Kwizera*** ni ukudacika 6ntege mu mutima iyo bikomeye. Ni ukwemeza, ugateraho na cachet ko ikintu kizagenda uko wagitekereje warangiza ukagisaba Imana. Kwizera kurarema. Utegereza udashidikanya. Kandi, kwizera kwacu kugaragara igihe abantu bo bavuga ngo ibyacu birarangiye. Igihe nawe utabona inzira byanyuramo. Imana yacu idusaba kuyizera kuko igaragarira mu bitagaragara. Umuntu yizera ntabwo yita ku byo areba no ku byo yumva, ahubwo, yita ku masezerano y'Imana yisomeye muri Bibiliya , n'Ijambo yavuganye n'Imana ye.

***Kwizera ntikurekura, ntigutezura***. Uwizera ntareba uko ari, areba iyo yerekeje n'icyo azabacyo ejo hazaza. Uwizera ntareba ku bantu ahanga amaso ye Imana yo yonyene. Iyo urebye ku muntu, iyo amanutse nawe uramanuka, iyo agutaye na we uratentebuka. Muje mumenya ko twebwe abantu duhinduka, kandi ko tunanirwa, tutirengagije ko tunapfa. Ni cyo gituma muri Yeremiya 17 : 5, Imana iratubwira ngo : '' Havumwe umuntu wiringira undi muntu, akishima amaboko ye akimura Uwiteka. Azaba ameze nk'inkokore yo mu butayu, kandi icyiza nicyaza ntazakibona ''. Umuntu wimura Imana mu mutima we, akimikamo undi muntu, ni ikivume kuko nta kwizera mu Mana aba afite, aba yizeye mu wo yimitse.

***Kwizera, ni ugutekereza no gushobora gukora ibintu utashobora wewe gukora ubwawe mu mbaraga zawe.*** Kwizera, ni ukwiyizera no muri wewe ko ushobora gukora ibikomeye, ugakora ibitangaro n'ibitangaza, ugakiranuka, ukaba umwere kubera ko wizeye mu mbaraga z'Imana zigukoreramo kandi zihindura. Ugomba lero kwizera kugera ku ntego zishingiye ku byo Imana ishobora gukora muri wewe n'ibyo ishobora kugukoresha kandi wewe mu mbaraga n'ububasha bwa kimuntu, utari gushobora gukora. Kwizera mu mbaraga z'Imana kubyara ubutwari, kukaturinda ubwoba, tukamana umutuzo n'amahoro mu mitima yacu.

Ubu, turi mu bihe bya nyuma bikomeye Satani yahagurukanye imbaraga nyinshi kuturwanya. Mwagize ngo genocide si intambara ikomeye Satani yashoje mu

Rwanda yo kutugerageza? Tube maso kandi tugendane ubwenge, ntitugahendwe n'uburiganya bwa Satani.

Mu bihe bikomeye, Imana ikoresha abakomeye. Kandi abakomeye ku Mana, ntabwo ari abafite ubukire bwinshi, n'imbaraga nyinshi z'umubiri , si abize byinshi, bafite za doctorats , si abize za theologies nyinshi, ni abizeye ibikomeye, ni abafite ukwizera kutanyeganyega, ni abizeye mu mbaraga z'Imana. Umuntu akomeye arebegwa ku bishobora kumuca intege. Umuntu acyibwa intege n'ikintu icyari cyo cyose, nta mikomerere ye. Kutizera kwacu kwambuye imbaraga Imana yacu. None Imana yakora ibikomeye gute kandi nta bantu bahari bashaka gukora ibikomeye?, nta bantu bahari bipfuza kandi bizeye gukora ibikomeye ?. Imana yicara ishakisha abo ikoresha ibikomeye, abo iha imigisha. Kandi, tumenye ko abizera ari bo bahezagirwa n'Imana. Nidukanguke. Ahatari ukwizera, ni mu muvumo, abantu baba barushe. Abarushe n'abaremerewe, ni abataye Yesu, ni abari kure ye, batamwemera, batamwizera.

Kandi mu bihe bikomeye, ni ho hakorwa ibikomeye, hagakora abakomeye. Ikintu Imana idusaba, ***ni ukutigera ducika intege ngo dute ukwizera kwacu.*** Twibuke, ibyakozwe na Eliya na Elisa, n'abandi benshi batubanjirije, harimo n'intumwa za Yesu. Ntibari abantu nka twe ? Kuki tutagera ku rugero bagezeho mu gukorera Imana? Bituruka ku kwizera kwacu guke. Kuko n'ubu Imana yo iracari ya yindi, ibyo yakoraga cya gihe, n'ubu yabikora. Kandi ikeneye kwigaragaza. Tuyikundire lero tuyizere idukoreremo ibyo yagambiriye byose, kugirango abantu bayimenye, bayizere, kandi bayigarukire. N'ukuri, abazanesha iki kigeregezo twebwe abanyarwanda turimo, Imana izabakuramo abasilikare be bakomeye, bo kurwanana na we, intambara ya nyuma. Ntitwirangareho.

**UKWIZERA TUKUBONA DUTE ?**

Icyo tugomba kumenya, ni uko kwizera kutavukanwa. Ntabwo ari umurage turagwa n'ababyeyi. Ahubwo, Adamu na Eva ku bwo kwemera amagambo babwiwe n'umwanzi ko Imana yababeshe, bakemera ko Imana ari umubeshi, bakayifata nk'umubeshi, batakaje ukwizera mu Mana. Mu by'ukuri, ntawabasha kwizera umubeshi. Ukwo kutizera kw'abo twakomotseho ni ko tuvukana. Tugomba rero gushakisha ukwizera mu Mana kugirango tugushikire. Ukwizera

none tukubona gute ? Imana yarabitumenyesheje mu Baroma 10 : 14, 17 aho Ijambo rye ritubwira riti : ***''Yesu bamwizera bate bataramwumva, kandi bamwumva bate ari nta wababwirije ? Dore kwizera guheshwa no kumva, no kumva kukazanywa n'Ijambo rya Kristo''*** Kwizera kuzanwa no kwumva Ijambo ry'Imana, ukarisobanukirwa, ukarimenya. Kuko twavuze ko Kwizera ari ukwemera ko Ijambo ry'Imana ari ukuri, ntabwo wakwemera ukuri kw'icyo utazi. Biradusaba rero kumenya byimazeyo Ijambo ry'Imana riduhishurira Imana iyariyo, imiterere yayo, imigambi n'ubushake bwayo kuri twe, rikadukundisha Imana. Urwo rukundo dukunda Imana, ni wo musingi wo kwizera nk'uko twabivuze mu nsanganyamatsiko y'iki kiganiro. Nta kumenya nta rukundo, kandi ata rukundo, nta kwizera kubaho. Igifite rero icyo kimaze mu buzima bwacu, ni ukwizera gukorera mu rukundo nk'uko nari nabivuze kare ( Abaheburayo 3 : 12)

**KWIZERA KUMAZE IKI MU BUZIMA BWACU ?**

**Kwizera ni kwo kuduhesha gukizwa tugahinduka abakiranutsi.**

Twavuze ko kwizera ko ari ukwemera ko Ijambo ry'Imana ari ukuri, kandi ko Imana ari inyakuri. Noneho Ijambo ry'Imana tukaribika mu mitima yacu, ku bwo guhora turitekerezaho. Ijambo, ryaturutse mu bitekerezo by'Imana, iyo twakiriye Ijambo ry'Imana tuba twakiriye ibitekerezo by'Imana, mu by'ukuri, tuba twakiriye Imana ihoraho muri twebwe. Yesu muri Yohana 14 : 21 na 23, yaratubwiye ati : '' Ufite amategeko yanjye akayitondera, ni we unkunda. Kandi unkunda azakundwa na Data, nanjye nzamukunda mwiyereke. Umuntu nankunda azitondera Ijambo ryanjye, na Data azamukunda, tuzaza aho ari tugumane na we''. Mu by'ukuri, nk'uko ntawabasha gutandukana n'ijambo rye, n'Imana ntibasha gutandukana n'Ijambo rye ari we Yesu. Aho Yesu ari n'Imana iba ihari. Ni cyo gituma twavuze ko Iyo twakiriye Ijambo ry'Imana mu mitima yacu, tuba twakiriye Imana muri twe ikaduha ibitekerezo byayo.

Ibyo bitekerezo ni byo biduhindura bikadukuramo ibitekerezo bya kamere muntu byo kwipfuza no kurarikira bidusunikira mu byaha. Kuko tuzi ko tuyoborwa n'ibitekerezo byacu, iyo dufite gutekereza kw'Imana, turakiranuka nk'uko Imana ari umukiranutsi. Tuba rero twakiriye gukiranuka kw'Imana. Turahinduka tugasa n'Imana mu bitekerezo, noneho tugasigara dutekereza nka yo, tukavuga nka yo,

tugakora nka yo, ni ko kuvuka ubwa kabiri tugahinduka abana b'Imana, mu guhinduka bashya nk'uko Ijambo ry'Imana ribitubwira muri, 2 Abakorinto 5 : 17 ngo : '' Umuntu wese iyo ari muri Kristo, aba ari icyaremwe gishya. Ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya. Kuba muri Kristo, ni ukuba mw'Ijambo ry'Imana kuko Yesu ni we Jambo ry'Imana.

Iyo rero uri mw'Ijambo uhinduka mushya, kandi aho tuba bashya ni mu bitekerezo nk'uko twari tumaze kubivuga. Dukizwa rero ku bwo kwizera nk'uko Ijambo ry'Imana riri mu Befeso 2 : 8 ritubwira ngo : '' Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe, ahubwo ni impano y'Imana''. Ubuntu bw'Imana, icyambere kiza kw'isonga kibugize ni Ijambo ry'Imana. Twakijijwe na ryo ku bwo kuryemera ko ari ukuri, tukarihoza mu bitekerezo byacu tukemera kuyoborwa na ryo, ni ko kwizera nk'uko twabisobanuye. Musome cya gitabo nanditse kivuga ko : '' Dukizwa n'Ubuntu bw'Imana '' musobanukirwe kurusha.

Ijambo riri muri Yohana 1 : 12, na ryo ryemeza ibyo tumaze kuvuga ko Yesu, ari we Jambo, abamwemeye bose bakizera Izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana.

Ni abana b'Imana kuko basa na yo, ku bwo guhinduka mu bitekerezo, bigatuma bakiranuka nk'uko Imana ibishaka. Ijambo ry' Imana riri muri Zaburi 37 : 30-31, ritubwira ko umukiranutsi ko ari umuntu ufite amategeko y'Imana mu mutima we muri aya magambo : '' Akanywa k'umukiranutsi kavuga iby'ubwenge , n'ururimi rwe ruvuga ibyo gukiranuka. Amategeko y'Imana ye ari mu mutima we. Nta ntambwe ze zinyerera ''. Nta ntambwe ze zinyerera kuko afite umucyo muri we. Na Dawidi muri Zaburi 119 : 11, yaravuze ati : '' Nibikiye Ijambo ryawe mu mutima wanjye kugirango ntagucumuraho ''. Ubika Ijambo mu mutima we, ntaba akibaye umunyabyaha, arakiranuka, agakora ibyo Imana yahamishije Ijambo rye, ari bwo bushake bw'Imana.

Ijambo ry'Imana riri mu Baheburayo 10 : 35, riratubwira riti : '' Nuko rero ntimute ubushizi bw'ubwoba bwanyu, bufite ingororano ikomeye. Kuko mukwiriye kwihangana kugirango nimumara gukora ibyo Imana ishaka muzahabwe ibyasezeranijwe. Ariko umukiranutsi wanjye azabeshwaho no kwizera. Nyamara nasubira inyuma, umutima wanjye ntuzamwishimira. Ariko twebweho, ntidufite

gusubira inyuma ngo turimbuke, ahubwo dufite kwizera kugirango dukize ubugingo bwacu.'' Iri Jambo risubiriye kutubwira ko umukiranutsi ko ari uwizera, kandi ko uwizera ari we uzabona ubugingo buhoraho.

Ni cyo gituma abantu bagomba gusobanukirwa neza ko badakizwa n'amategeko, cyangwa andi mahame yose bategekwa n'amadini, cyangwa imirimo itegekwa n'amategeko, ibyo byose n'iyo wabimenya ukagerageza kubishira mu ngiro, ntabwo byaguhesha gukiranuka utagira Kristo muri wewe ugushoboza. Yesu yabwiye Abayuda banze kumwemera ati : '' Ntimwigeze kwumva ijwi rya Data habe no kubona ishusho ye, ndetse ntimufite n'Ijambo rye riguma muri mwe, kuko uwo yatumye mutamwizeye. Murondora mu byanditswe kuko mwibwira ko muri byo ari mo hari ubugingo buhoraho, kandi ari byo bimpamya. Nyamara mwanze kuza aho ndi ngo mbahe ubugingo buhoraho ''.

Rero, naho wakwiga Ijambo ry'Imana gute utakiriye Umwami Yesu mu bugingo bwawe ngo umwizere, ntabwo ryaguhindura ngo riguheshe gukiranuka, noneho ubone ubugingo buhoraho. Ijambo, iyo utagira Yesu, urishira mu bwenge, ariko ntubasha kurishira mu mutima wawe ngo rikuyobore. Ni cyo gituma usanga abantu barize théologie bakaminuza, ariko ugasanga bakora ibyaha by'indengakamere. Abafarisayo ni uko bari bameze. Bari bazi amategeko y'Imana barayize baraminuza, bakayandika mu bituza byabo, ariko gukiranuka kwabo kwari kure

Mu Bagalatiya 5: 1, Pawulo mw'ibaruwa yandikiya Abagalatiya atubwira neza ko ntawutsindishirizwa n'amategeko. Ushatse gutsindishirizwa n'amategeko, aba atandukanye na Kristo, kuko aba ariho yihangira gukiranuka guheshejwe n'imbaraga ze. Yaravuze ati : '' Mwebwe abashaka gutsindishirizwa n'amategeko, mutandukanijwe na Kristo kuko mwaguye muretse ubuntu bw'Imana. Twebwe dutegereje kuzakiranuka tubiheshejwe no kwizera Yesu-Kristo ''.

Ijambo ry'Imana riri mu Baroma 9 : 30-33, ritubwira ko Abanyistraeli batashikiriye gukiranuka kuko bakurikiye amategeko ntibashishikazwe no kwizera, ahubwo bagashishikazwa n'imirimo, bagasitara kuri rwa rutare rugusha ari rwo Yesu-Kristo. Ariko, abanyamahanga bakurikiye ibyo gukiranuka guheshwa ni kwizera Yesu-Kristo, baragushikiriye.

Dushobora gufata ingero nke z'abatubanjirije, zigaragara mu Baheburayo 11, ko baheshejwe gukiranuka no kwizera, bagahinduka incuti z'Imana kuko bafashe Imana nk'Inyakuri, kandi ni ko iri.

**Kwizera** ni ko kwatumye Abeli aha Imana igitambo kiruta icya Kayini kuba cyiza, ni na ko kwamuhaye guhamywa ko ari umukiranutsi ubwo Imana yahamya ko amaturo ye ari meza.'' ( Abaheburayo 11 : 4 ) Kuba Abeli yaragendanaga n'Imana, byamuviriyemo kumenya igitambo gikwiriye gutambirwa Imana ikakinezezerererwa, kuko yayubahaga. ( Itangiriro 4 : 1-15 )

''**Kwizera** ni ko kwatumye Henoki yimurirwa mu ijuru ngo adapfa, kandi ntiyaboneka kuko Imana yamwimuye, kuko yahamijwe atarimurwa yuko yanejeje Imana, ariko utizera ntibishoboka ko ayinezeza, kuko uwegera Imana akwiriye kwizera yuko iriho, ikagororera abayishaka ''. ( Abaheburayo 11 : 5- 6 ) Iyo dusomye mw'Itangiriro 5 : 22, Bibiliya itubwira ko Henoki yagendanaga n'Imana, ni cyo gituma yamunezererewe cyane, ikamutwara mw'Ijuru adapfuye. Imana ntigaragara ngo tugende dufatanye mu maboko, kugendana n'Imana, ni ukuyituza mu mitima yacu ikayibamo, igahorana natwe mu bitekerezo. Ni ko kwizera nk'uko twakomeje kubivuga. Kandi ngo Henoki, yagendanye n'Imana amaze kubyara Metusela. Henoki yabyaye umwana wa mbere, ngo aramwitegereza uburyo aremye neza kandi agasa nawe, aravuga ati : Iyi ni Imana ikomeye ibikoze, afata umwanzuro gutyo wo kugendana n'Imana, agira ukwizera kutanyeganyega , ngo yagendanye n'Imana imyaka Magana atatu yikomereje kuri yo atajarajara, abaho mu bushake bw'Imana.

**Kwizera** ni ko kwatumye Nowa atinya Imana amaze kubarirwa na yo iby'ibitaraboneka, akabaza inkuge yo gukiza abo mu nzu ye. ( Abaheburayo 11 : 7- ) Mw'Itangiriro 6, Imana ija kurimbura abari mw'isi, yararebye isanga ngo abantu batekereza nabi iteka ryose, ni cyo cyatumye bakora ibibi byangwa n'amaso y'Imana. Ariko ngo hari umuntu umwe wenyene rudende witwa Nowa, wakiranukaga, kuko yagendanaga n'Imana, bimuviramo kwizera Imana, yemera kubaza inkuge, yo kuzamurokora umwuzure w'amazi we n'umuryango we, kandi atari bwigere abona igitonyanga cy'imvura uko gisa.

**Kwizera** ni ko kwatumye Aburahamu yumvira Imana imuhamagariye kujya gutamba Umwana we Isaka, kuko yarazi ko Imana iri bwishakire ikindi gitambo. Yarazi ko Imana itivuguruza, Ijambo yabwiwe n'Imana ko izamugira Sekuru w'amahanga yose yari yararibitse mu mutima we. Yamenye neza ko Imana iri kugerageza gukiranuka kwe. Itangiriro 12

Ingero ni nyinshi, musome icyo gicye cy'Abaheburayo 11 cyose.

**Kwizera kurarema.**

Igihe cyose uzemera udashidikanya ko Ijambo ryose ryavuye mu kanwa k'Uwiteka ko ari ukuri, Imana yo ubwayo, izahagurukira kurisoza mu buzima bwawe. Imana ni inyakuri, ikurikirana Ijambo ryayo kugirango irisoze. Ni cyo gituma amasengesho asengewe mu kuri no mu Mwuka agira imbaraga. Gusengera mu kuri ni ugusengera mw'Ijambo ry'Imana, cyangwa ugasenga wibutsa icyo wavuganye n'Imana wewe ubwawe. Imana iyo uyivugishirije mw'Ijambo ryayo, biyikora ku mutima ikitamurura imbere yawe ikagutabara.

Umwami Yesu ni we ubwe yahora abwira abantu bamwirukira ngo abakize, yarababwira ati : ''Bibabere uko mwizeye ''. Cyangwa akavuga ati : ''Ukwizera kwawe kuragukijije ''. Abantu bose bemera mu mbaraga za Yesu bamaze baramusanga bizeye akabakiza.

**Kwizera kuduhesha amahoro n'umunezero.**

Umuntu ufite ukwizera, ku bwo gushikamisha umutima we ku Mana, umutima we uhora urinzwe n'Ihoraho. Imana iwurinda ibitekerezo bibi bituruka k'umwanzi by'urucyantege. Umuntu afite ukwizera ahorana umutima ukomeye udahungabanwa n'imiyaga iyariyo yose, kuko imbaraga z'Imana zihora zimugose, kandi aba afite muri we Ijambo ry'Imana rimukomeza, rihora rimubwira ngo Witinya ndi kumwe na we.

Ijambo ry'Imana riri muri Zaburi 125 : 1- 2, riratubwira riti : '' Abiringiye Uwiteka bameze nk'umusozi wa Siyoni utabasha kunyaganyezwa. Ahubwo, uhora uhamye iteka ryose. Nk'uko imisozi igose i Yerusalemu, ni ko Uwiteka agota abantu be uhereye none ukageza iteka ryose ''

Uwiringiye Uwiteka ahora akomeye mu mutima we, nta biracitse iba muri we n'iyo rwaba rukambye. Ni cyo gituma umutima we uhora mu mahoro no mu munezero, nta kibasha kuwuhubanganya. Nta mwuka w'ubwoba uba ukimubamo. Mwisomere igitabo cy'ubuhamya nanditse nise ngo : '' Yesu Yaranyiyeretse '' , murebe uko byangendekeye. Abakiba mu bwoba byababfasha.

**Kwizera kuduhesha ubugingo buhoraho**

Kwizera ni ko kuduhesha ubugingo buhoraho. Ibyo birumvikana kuko abizera Yesu-Kristo, ni bo yahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana ku bwo kubyarwa ubwa kabiri n'ubuntu bw'Imana. Ntawuzabana n'Imana atari umwana wayo. Abanyamahanga ntabwo bazinjira mu Bwami bwo mw'Ijuru, bazahezwa hanze. Ijambo ry'Imana ribitubwira neza riti : '' Imana yaduhaye ubugingo buhoraho, kandi ubwo bugingo bubonerwa mu Mwana wayo. Ufite uwo Mwana ni we ufite ubwo bugingo. Naho udafite Umwana w'Imana, nta bugingo afite, ariko mwebwe abizeye Yesu –Kristo, mufite ubugingo buhoraho kuko mwabyawe n'Imana. Muri 1 Yohana 5 : 4, Ijambo ry'Imana ritubwira riti : Icyabyawe n'Imana cyose kinesha iby'isi, kandi uku ni ko kunesha kwanesheje iby'isi, ni ukwizera kwacu. Urumva rero kuko dufite ukwizera, turi abana b'Imana kandi twaranesheje irari ryose ry'iby'isi, ni cyo gituma turi ab'Ijuru. Ibyaribyo byose, tuzi kandi ko umuntu wese wabyawe n'Imana ko adakora ibyaha, ahubwo, Imana irinda abana bayo wa mubi ngo atabakoraho.

Twariho dukomeza kuganira ku nsanganyamatsiko ijanye na bino bihe by'icyunamo turimo nk'abanyarwanda kugirango idufasha kubabarira. Iravuga iti : ''Ukwizera gushingiye ku rukundo dukunda Imana, ni wo mutsingi wo kubabarira''. Twavuze ko ukwizera ko ari ugushikamisha umutima wacu ku Mana, noneho ibindi byose byabasha kudushishikaza bikatuba kure, bigatuma tutabigumiza mu bitekerezo byacu ngo bikomeze kudukomeretsa, noneho Imana twimitse muri twe, ikaba ari yo iduha imbaraga zo kubabarira. Uno munsi twaganiriye cyane kw'Ijambo kwizera nk'uko ubushize twibanze cyane ku Rukundo dukunda Imana, kuko twasanze kwizera ari ibanze ryo gukiranuka muri byose. Ni cyo gituma twaganiriye ku kwizera icyaricyo, tuganira ku kungene umuntu yabona ukwizera, tuganira no ku mumaro wo kwizera mu Mana mu

buzima bwacu. Ubutaha tuzaganira ku kibazo cyo kutizera n'ingaruka zacyo mu buzima bwacu.

Imbere yo kurangiza kino kiganiro, nagirango mbanze mbagezeho ubutumwa bw'Imana budufata mu mugongo muri kino gihe gikomeye cy'icyunamo.

Imana itugiriye inama muri aya magambo iti :

**''NTIMUGAHERANWE N'AGAHINDA SO WO MW'IJURU ARAHARI''**

Igihe kiraje aho ibintu bigiye guhinduka, Sinzabivuga uko bikwiriye ariko ni igihe cyo gushakisha mu maso hanjye. Kuko vuba ahangaha, nta mpamvu muzabona yo kuba mutampindukiriye. Haraje igihe gikomeye ku banyabyaha. Abo mvuga ni abazi ijambo ryanjye ariko ntibarigumemo. Ni igihe cyo kubabarira byose kuko nanjye mbababarira byose. Ni igihe cyo gusaba imbabazi kuko ejo ni undi munsi. Mwiyeze imitima yanyu ntihasigaremo agatotsi na gatoyi. Ibikomere byanyu ntabwo bishobora kuba ibyireguzo imbere yanjye. Mubinzanire mbibavure kuko ni jye muganga wenyene uvura imitima ikomeretse. Mube ab'ukuri buri gihe, ntimugahe icyuho Satani cyo kubabohera mu gahinda n'imibabaro. Munsabe ubufasha buri igihe nzabaruhura.

Kwuzuza imitima yanyu agahinda, inzigo n'imibabaro, ntakindi bibamariye atari ukwicukurira icyobo. Munsange, nzabaha imbaraga n'ubushobozi byo kubabarira. Kandi ndabibabwiye, uwutazababarira ntazabona Ubwami bwanjye. Mu rupfu, ntimubonemo iherezo ribi riteye ubwoba. Kuko iyo muri muri njye, ni uburuhukiro bugeza mu bugingo buhoraho. Mubeho ubuzima bwanyu mu Rukundo, mu kuri no mu kubabarira. Nimubigenza mutyo, Satani ntazigera abanesha.

Ndiho mbwira abana banjye bibaza ko ibikomere byabo byakize. Ariko nyimba bikibababaza, n'uko bitarakira. Mumpindukirire by'ukuri, ndakiza byose.

Ndiho mbwira abana banjye bahaye igice cy'umutima wabo agahinda n'umubabaro ngo baze i wanjye kugirango nsane imitima yabo, kuko muri njye honyene, ni ho haba icyizere ( Espoir et Esperance ). Ndi kuvugana n'imitima yoroshe, yataye icyizere cyose kuba arijye mutura imibabaro yanyu. Kuko Imitima yanyu ndayigenzura buri gihe ngasanga hariho iyuzuye inzangano. Ndabibabwiye ko ntashobora kwinjira mu mitima imeze gutyo. Ariko mu mitima imeze gutyo, bayinyeguriye, nabasha kuyikuramo urwango, nkarusimbuza urukundo. Mube

abatagatifu kandi mube abere kugirango ku munsi muzapfiraho muzabe mufite amahirwe yo ku kuzicarana nanjye. Amen

***Jean 4;7 , Matayo 15, Luc 6; 37-39 , Jean 13 , Abakolosayi 4; 2-6 , Luc 6, 20- 38 ( uzakurikiza rino jambo, ijuru rizaba rimikinguriwe ) ; Luc 6***

**Turagushimiye Mana ku bw'imbabazi n'urukundo udukunda, byatumye wicisha bugufi, ukaza kuvugana n'ubwoko bwawe. Amen**

Mwakomeje mwumva muri kino kiganiro mbabwira gusoma ibitabo nanditse kugirango musobanukirwe kurusha. Nagirango mbarangire aho maze kubigeza mwabibona hababera bugufi.

## Muri KIGALI

**Mu mujyi hagati :**

1) Kuri Papeterie la Douce, na Papeterie Imprimerie Nouvelle izi zompi ziri ku muhanda unyura haruguru ya Nkuru Nziza.
2) Ku nyubakwa kwa Rubangura hasi ku muryango wa gatatu uvuye kuri rond point.

**Nyabugogo** : Kuri Agrotech mu gikari cy'inyubakwa y'amashirahamwe.

**I Kacyiru** : Ku rusengero rwa Ebenezer : Mwabaza Fortuné kuri 0783100980

Ku nzu kwa muzehe Polisi Denis, kuri cantine iri mu gikari. Iyo nzu iri irihande rw'Inteko ishinga amategeko, imbere ya Ministeri y'ubutabera.

**Gisimenti :** Haruhande ya Alimentation yo kwa Ndori kuri KARO PHARMACIE

**Kw'isoko ya Kimironko : Ucinjira mw'irembo bita iry'amafi mu buryo bwawe kwa Munyemari : 073028431**

**Kabuga :** Muri pharmacie y'imiti y'abantu iri kuri kaburimbi bugufi bw' umuhanda umanuka mu Gahoromani. : 0785378012

## I BURASIRAZUBA

**Kayonza**: Ukase urenganye rond point ya Kayonza werekeza I kibungo mu buryo bwawe urabona inyubakwa ya mbere y'ubucuruzi. Mu mangazini y'umumaman witwa Jane ni ho ibitabo biri : Tél 0722664030, 0727442740

**Kibungo :** Ku mangazini mu mujyi wa Kibungo kwa Maman Eric **: 0788746424** Bariza ku biro bya Stella baramuzi neza

**Nyakarambi : -** Kuri centre, ku mangazini ya Ingabire Monika : 0788436877

- Ku rusengero rwa Assemblée de Dieu : Pasteur Ntwarane 0788541657

**Mutara** : Muri ADEPR mu mudugudu wa Kabeza : Mwarimu Mudaheranywa Francois : 0783393121

## MU MAJYA EPFO

**Muhanga** : Gauchen Holly Church : Alice : 0785008250

Mu mujyi, ku mangazini ya Madame Nyinawumuntu Jacqueline azwi kw'izina rya maman Kofi : 0788872465

## MU BURENGERAZUBA

Kuri za paroisses ziri ku byicaro bikuru bya ADEPR, muri za bibliotheques zabo i Karongi mu mjyi, i Nyamasheke, i Rusizi, mu Rutsiro, i Ngororero, i Nyabihu, i Rubavu

Kuri radiyo Insangano i Rubengera, no kumangazini icyuruza Bibiliya n'ibindi bitabo by'iyoboka Mana aho I Rubengera

Kuri paroisse ya ADEPR i Gisovu : 0788465842

Ku Mudugudu wa Jenda wa ADEPR uri iNyabihu : Mwabaza Tharcisse 0726284063

## MU MAJARUGURU

Ku cyicyaro cya Eglise Methodiste mu mujyi wa Ruhengeri : Révérend Pasteur Seti : 0788872066

Mboneyeho akaryo ko kubamenyesha ko abashaka bino bitabo kuri za Email zabo, bazimpe ndabibohererereza hamwe n'ubundi butumwa. Ikindi amatangazo nagiye ntanga ko mbafotorero inyigisho ku buntu nkazibohererereza, ibyo ntibigishoboka, izo photocopies zasimbuwe n'ibitabo. Kandi nimubyumva inyuma y'ikiganiro runaka, si ko bikimeze n'uko nzaba nashubijeho ikiganiro cya kera.

Kuri paroisse ya ADEPR mu Kinigi . Mushobora kubaza Mugemana Vincent kuri 0783131960.

Murakoze.

**I BURUNDI**

**Muhamagare Kamikazi Raissa i Bujumbura arabifite : Tél : 79405097**